REPUBULIKA Y' U RWANDA
SERIVISI ZA MINISITIRI W'INTEBE
B.P.1334 KIGALI

Kigali, ku wa 03 OCT. 1997

N° 691/02.6

A traiter par ..........
Date entrée : 28/10/97
N° Classement : 2546/97

Bwana Minisitiri w'Urubyiruko,
Imikino, Umuco no Kwigisha Imyuga
Iciriritse,
KIGALI

Bwana Minisitiri,

Nejejwe no kubamenyesha ko Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe ahereye ku ibaruwa n° 867/06.01/CAB yohererejwe n'Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane namwe mwaboneye Kopi, yerekeye ikiganiro yagiranye na Consul w'U Rwanda mu gihugu cya OTIRISHIYA, Bwana Egon GEIGER JUN,

Abasaba ku buryo bw'umwihariko kwegeranya ibya ngombwa byose byazafasha uwo Egon GEIGER JUN kumenyekanisha igihugu cyacu iwabo nk'uko abyifuza mu gika cya 6 n'icya 7 cy'iriya baruwa maze kuvuga haruguru.

Arabibutsa kandi ko, kubera ko igihugu cya OTIRISHIYA kiri mu bihugu by'i Burayi bitugaragariza inkunga ifatika mu gusana igihugu cyacu, kumenyekanisha amateka n'amarorerwa yahekuye u Rwanda, byatuma abagiraneza ba OTIRISHIYA bashishikarira kutugoboka;

Mugire amahoro.

**Anasitazi NDEREBEZA**

**Umunyamabanga Mukuru**

REPUBLIQUE RWANDAISE
SERVICES DU PREMIER MINISTRE

**Bimenyeshejwe**
- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda
- Nyakubahwa Visi Perezida wa Repubulika akaba na Minisitiri w'Ingabo
- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe

KIGALI

REPUBULIIA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUBANYI N'AMAHANGA
N'UBUTWERERANE
B.P. 179 KIGALI

Kigali, kuwa 15/09/1997
N°867 /06.01/CAB

A tra...
Date entrée : 22/9/97
N° Classement : 22/9/97

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
KIGALI

**IMPAMVU:**
Ikiganiro nagiranye na Bwana Egon Geiger Jun uhagarariye inyungu z'u Rwanda muri Autriche

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe,

Nejejwe no kubagezaho ibikubiye mu kiganiro nagiranye na Bwana Egon Geiger JUN, uhagarariye inyungu z'u Rwanda muri Autriche (Consul du Rwanda en Autriche) ku wa 12 Nzeri 1997, igihe cya saa tanu.

Twaganiriye ku byerekeye ibyo akora no ku byo yakora nk'umuntu uhagarariye by'ukuri inyungu z'u Rwanda muri icyo gihugu.

Yambwiye yuko igikorwa gikenewe yatangiye gukora ari cyo kumenyekanisha u Rwanda, ku byerekeye ubutunzi bwarwo, amateka yarwo hamwe n'isura nziza yarwo muri Autriche no mu mahanga abicishije kuri Internet. Ubu abantu batari bake bamaze kumenya u Rwanda bitari ukurumenya ho ubwicanyi gusa.

Yatanze igitekerezo cy'uko Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane yatumira Televiziyo ya Autriche ikaza ikaba yagira icyo itangaza mu miterere y'u Rwanda no muri évolution yarwo nyuma y'ibyabaye mu Rwanda kuva muri 1994.

Yanambwiye ko abona ari byiza kuzamenyesha abikorera ku giti cyabo ko mu Rwanda hari uburyo bwo kuba bahashora imari yabo abicishije kuri Internet.

Ni muri urwo rwego yambwiye ko ashobora kuba yategura icyumweru cyihariye cyo kumenyekanisha u Rwanda ku byerekeye umuco, ubukorikori n'ibindi byiza by'u Rwanda (imurikagurisha) bikaba byafasha u Rwanda kurushaho kumenyekana ku buryo rwatumirwa no mu mamurikagurisha mpuzamahanga ajya abera muri Autriche.

Yansabye rero yuko twamutegurira amafoto n'amateka y'u Rwanda hamwe n'igitabo kivuga ku mutungo warwo kugira ngo abe yabyifashisha mu kumenyekanisha u Rwanda kuri Internet. Yifuje ko twamwunganira mu kujya tumuha amakuru ahagije ku Rwanda.

Yatugiriye inama yo kuba twakwifashisha inkunga y'iguhugu cye mu mishinga imwe n'imwe gifitemo ubuhanga nko gushaka no gukwirakwiza amazi meza no gukora umuhanda wa Gari ya moshi (cyane cyane mu guhuza ibihugu byo muri aka karere kacu).

15/12/1997

Un dossier que vous présentera Innocent, du secrétariat du S. G.

Louis Kanamugire / Co du Mémorial

---

(A) Trouver une copie d'une cassette vidéo sur le génocide. une copie seulement bien sûr, pour garder l'original.

~~A~~ndré Rubumbyi & Bernardin - R.

---

(+) Trouver une cassette sur les danses rwandaises.

J. M / D. C. A ⇒ 1/ Rapport Général sur la Tolérance au Rwanda.

2/ RG. Consultation Nationale sur la culture de la paix.

3/ cassettes vidéos.

J. M / DCA [signature].